
No 234Mai2021

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## AMAHUGURWA ATANGWA N'IHURIRO MU "ISHURI RYIGISHA IBYA POLITIKI N'IMIYOBORERE" MU KWIRINDA IKWIRAKWIRA RYA COVID-19 YATANZWE HIFASHISHIJWE IKORANABUHANGA

*Mu rwego rwo kubahiriza ingamba zo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateguye amasomo agenewe urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya Politiki irigize, rwo mu Ntara y'Amajyaruguru hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga rya WEBEX, aho abayahawe bayakurikiraga bari mu ngo zabo.*
*Kuwa 14 Gicurasi2021, atangiza aya mahugurwa ku mugaragaro, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste yavuze ko ubu buryo bwo kwigisha uru rubyiruko hakoreshejwe ikoranabuhanga ari bwo buryo Ihuriro ryabonye bwo gukomeza gukora aya mahugurwa, mu gihe cy'amezi abiri, mu rwego rwo kwirinda ingorane zaterwa no guhuza abantu imbonankubone muri ibi bihe byo gukomeza kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19.*




Bwana GISAGARA yashimye Imitwe ya Politiki yatoranije aba basore n'inkumi abasaba gukoresha neza aya mahirwe, bakurikirana n'umurava amasomo n'ibiganiro byateguwe, cyane ko imbaraga zabo zikenewe mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki. Yabwiye uru rubyiruko kandi ko amasomo bazahabwa agamije kubongerera ubushobozi mu bumenyi rusange muri politiki n' imiyoborere, abasaba ko yazababera umusemburo mu kwitabira ibikorwa byose bitegurwa n'Imitwe ya politiki baturukamo.

Yagize ati " Imitwe ya politiki yabatoranije kuko yabonaga muzayigirira akamaro hamwe n'Igihugu; indoto mufite zo kwitabira umwuga wa politiki ni nziza ariko musabwa gukorana umurava mu byo mukora byose kandi mugakunda Iguhugu cyacu."
Yasoje abizeza ko Ihuriro rizakomeza gukora ibishoboka kugira ngo aya mahugurwa ateguwe bwa mbere hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga azagende neza kandi agirire akamaro abayitabiriye.

Bwana SINDAYIHEBA Fabien, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'Imirimo ya za Komisiyo mu Ihuriro unakurikiranira hafi ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Gahunda, yagaragarije uru rubyiruko ibyo basabwa kugira ngo bakurikire neza aya masomo, ibisabwa Ihuriro n'ikigamijwe muri rusange. Aha, yabamenyesheje gahunda igenderwaho mu itangwa ry'aya mahugurwa, imyitwaririre y'uyakurikira, ingeri z'amasomo baziga n'ibikoresho bizahabwa uru rubyiruko kugira ngo bazakurikire neza aya masomo, azatangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga rya WEBEX.
Amasomo y'iki cyiciro cya 16, yakurikiwe n'urubyiruko rwatoranyijwe mu Ntara y'Amajyaruguru. Aho buri Mutwe wa Politiki wari uhagarariwe n'abantu bane (4) bagizwe n'abasore babiri n'abakobwa babiri. Bose hamwe bakaba ari abantu mirongo ine na bane (44).

Ku cyumweru tariki ya 20 Kamena 2021, kuri Hotel La PALME, mu Karere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, nibwo hasojwe ku mugaragaro iki cyiciro cya 16 cy'aya masomo

Mbere yo gusoza aya masomo hari hatanzwe amasomo-ngiro ajyanye n'itumanaho (gutegura imbwirwaruhame (Political Speech ), gusubiza ibibazo by'abanyamakuru (Political Interview) no guhanganisha ibitekerezo bya Politiki (Political Debate) yo yatanzwe imbonankubone, mu gihe andi masomo yose yatanzwe hakoreshejwe ikoranabuhanga ry'iyakure (Webex Online training) kubera ibihe bitoroshye isi yose irimo byo guhangana no gukumira ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID 19.

Mu ijambo rye risoza, Umuvugizi w'Ihuriro Depite UWINGABE Solange yibukije ko iri shuri rya YPLA ryatangiye mu mwaka wa 2010 mu Mujyi wa Kigali; ahateguwe amasomo y'igerageza (Pilot phase), nyuma mu mwaka wa 2011, Inama Rusange y'Ihuriro yemeza ko hategurwa gahunda ihoraho yo kongerera urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, ubumenyi n'ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere. Nyuma y'iki cyemezo cy'Inama Rusange nibwo hatangiye gutegurwa aya mahugurwa mu Ntara zose.

Avuga ko iri shuri rigamije muri rusange kongerera Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ubumenyi n'ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere; rikaba rifite intego zikurikira:

- Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki no kurushishikariza kwitabira umwuga wa politiki kugira ngo ruzavemo abayobozi b'ejo hazaza bashoboye;
- Gutegura urubyiruko kugira ngo rwitabire kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki rubarizwamo no gufasha Imitwe ya Politiki rubarizwamo gutera imbere;
- Gufasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ubumenyi n'ubushobozi burufasha kugira uruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambe by'Igihugu.

Yibukije ko abiga muri iri shuri, ari urubyiruko (abasore n'inkumi) rutangwa n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro, kandi buri Mutwe wa Politiki ukaba wohereza umubare ungana (abantu 4, bagizwe n'abakobwa babiri n'abasore babiri), aho buri cyiciro (promotion) kiba kigizwe n'abanyeshuri 44.

Agaruka ku masomo yigwa muri iri shuri, yavuze ko yibanda ku bumenyi bwibanze muri Politiki, kuko bagomba gusobanukirwa icyo politiki ari cyo aho yavuze ko politiki ari ubuzima rusange bw'Igihugu (imiyoborere, ubukungu, ubuzima, uburezi, umutekano, ibidukikije, ububanyi n'amahanga, ubuhinzi,..). yavuze kandi ko aya masomo yibanda ku ruhare rw'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu iterambere rusange ry'Igihugu, biga kandi uburyo abantu baseruka muri politiki, haba mu gihe cy'ihiganwa (political competition) ndetse no mu gihe cy'ubukangurambaga rusange (political mobilization).

Ati "Mwanize kandi uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane ya Politiki". By'umwihariko mwaganiriye ku buzima bwa Politiki y'Igihugu cyacu; harimo ikiganiro kuri **Ndi Umunyarwanda** cyatanzwe na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge; mubona ikiganiro ku **Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho**, cyatanzwe na SENA y'u Rwanda; mubona n'ikindi ku **Kwihangira umurimo no guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda**, cyatanzwe na MINICOM.

Yasoje abashishikariza gukomeza kwiga, bagasoma amasomo yose bize, bagakora ubushakashatsi kugira ngo bagire ubumenyi bwagutse kuri Politiki, iterambere ry'Imitwe ya Politiki, imiyoborere, n'ibindi.

Yabashishikarije by'umwihariko gusoma no kumenya inyandiko zigenga ubuzima bwa Politiki mu gihugu cyacu, ryaba Itegeko Nshinga tugenderaho ubu, ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015; Itegeko ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki, Icyerekezo cy'u Rwanda mu mwaka wa 2050, n'izindi.

Yashimye abalimu bose bigisha muri iri shuri, n'Inzego za Leta zitangamo ibiganiro.
Yabifurije amahirwe mu buzima bwa Politiki, kandi abashishikariza gukomeza kwirinda icyorezo cya COVID 19, kuko cyugarije isi, asaba kubahiriza ingamba zose zishyirwaho n'Inzego zibifitiye ububasha.

Mu gusoza iyi gahunda hatanzwe ICYEMEZO (CERTIFICATE) cy'amahugurwa ku bakurikiye neza aya masomo.

## KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZEMEJE GAHUNDA Y'IBIKORWA MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2021-2022

Muri uku kwezi kwa Gicurasi—Kamena 2021 hateguwe inama zisanzwe za Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, aho izo Komisiyo zemeje gahunda z'ibikorwa byazo mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022.

Mu gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya za Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'imirimo ya Komisiyo Zihoraho, Bwana SINDAYIHEBA Fabien yagiye ageza ku bari mu nama ibikorwa Komisiyo izitaho mu mwaka wa 2021-2022.
Nyuma yo kuzitangaho ibitekerezo, abagize Komisiyo bemeje Gahunda z'Ibikorwa byabo basaba buri wese kuzaharanira ko bigerwaho.

Muri izi nama kandi abagize za komisiyo batanze ibitekerezo ku mushinga w'Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu (NFPO Strategic Plan), 2021 - 2026, aho Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste yagaragarije buri komisiyo ibikorwa bikubiye muri uwo mushinga.

Yavuze ko igenamigambi ry'ibikorwa Ihuriro ryagenderagaho ryatangiye mu mwaka wa 2016 rikaba rizarangira tariki ya 30 Kamena 2021. Asobanura ko nk'uko bisanzwe bikorwa, Ihuriro ryateguye inyandiko y'Igenamigambi rindi ry'imyaka itanu (2021-2026), kikaba ari igikorwa Inzego zinyuranye z'Ihuriro zagizemo uruhare. Imitwe ya Politiki, Biro y'Ihuriro, Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro, aho yavuze ko izi Nzego zose zatanze ibitekerezo byafashije mu gutegura Umushinga w'inyandiko.

Mu kungurana ibitekerezo, abagize za Komisiyo bashimye uburyo Umushinga w'Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro (2021-2026) wateguwe, bashima ko mu bikorwa biteganyijwe harimo n'igikorwa gishya cyo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki mu gutegura imishinga n'ibikorwa bibyara inyungu kuko bizayifasha kurushaho kwigira.
Basabye ko Ihuriro ryakomeza gukora ibishoboka, hagakorwa ubuvugizi ku nzego za Leta bireba nka MINALOC, MINECOFIN n'ahandi, kugira ngo ingengo y'imari yaryo izamucye.
Basabye ko muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022 Ihuriro rikwiye kugura ibikoresho by'Itumanaho n'ikoranabuhanga bigezweho.

Bashimye ko hateganyijwe kuzajya hakurikiranwa urubyiruko rwize muri YPLA, rukajya rutegurirwa amasomo nkarishyabwenge (Refresher courses) ziruhuza kugira ngo bagire amakuru n'ubumenyi ku buzima bwa politiki n'imiyoborere y'Igihugu muri rusange.

**Abagize za Komisiyo kandi bunguranye ibitekerezo ku insanganyamatsiko y'ikiganiro cyizatangwa tariki ya 01/7/2021, ku munsi mukuru w'ubwigenge bw'u Rwanda; ikiganiro kizanyura mu bitangazamakuru bya RBA**

Abari mu nama bamenyeshejwe ko, nk'uko bisanzwe, tariki ya 01 Nyakanga, Ihuriro ritambutsa ikiganiro ku bitangazamakuru bya RBA (Radio na Televisiyo by'Igihugu). Akaba ari muri urwo rwego tariki ya 01 Nyakanga 2021, hateganyijwe ikiganiro ku nsanganyamatsiko igira iti: "
**Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere Imiyoborere myiza mu Rwanda: Ibyagezweho, inzitizi, n'Ingamba".**
Abagize za Komisiyo bashima iyi nsanganyamatsiko, bizeza ko bazayimenyesha Imitwe ya politiki yabo bakanayisaba kugikurikira.
Biteganyiwe ko ikiganiro kizatangwa n'aba bakurikira: Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC); Umunyamanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, na Hon. HARERIMANA Abdoul Karimu (Inararibonye ku mateka ya politiki y'u Rwanda).

## THE NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS PERSUES ITS TRAINING PROGRAMME FOR WOMEN WING LEADERS WITHIN POLITICAL PARTIES MEMBERS'



***"Women empowerment is still a priority for political parties sustainability", says the NFPO Spokesperson**, said the NFPO Spokesperson*
This was said on Saturday, May 22nd, 2021 by the NFPO Spokesperson Hon. UWINGABE Solange through her opening remarks to 75 political party women wing leaders from Western Province attending a two day workshop, held in Rubavu District.

She noted that capacity development as one of the NFPO mandates has since 2013, strategically focused on women in order to raise their awareness on roles to be played within their respective political party's decision making organs.
Participants to this training were briefed on different development agenda including: Women political participation through Women can do it: Political will, drivers, triggers and actors, current status, challenges presented by Hon. MUKASINE Marie Claire, Chair person of the National Commission for Human Rights; and Women empowerment for transformational governance; presented by Hon. GAKUBA Jeanne d'Arc, former Senate Vice President.
Also participants were trained on gender policy: From victims to leading actors Rwanda's gender dividend, Rwanda's achievements in gender equality and women empowerment: Challenges and way forward presented by Gender Monitoring Deputy Chief Monitor Hon. MUKANDASIRA Caritas.

Women wing leaders participants to this workshop had also fruitful exchanges sharing experience and raising awareness on success, achievements and way forward, by a local women opinion leader, Hon. UWACU Julienne, former Minister of sports and culture, and recently, Director General of FARG; and Madam UWANKWERA Judith, a women business owner from Nyamasheke District. Later on, National Itorero Commissioner Mrs TUGIREYEZU Josée briefed them on leadership values required to a women leader.

***Triple roles of a woman***,
Participants to this workshop discussed on triple roles of a woman as a spouse, a mother and leader which are key in Rwandan transformational governance. On one hand women are at the forefront in family administration, children education and in transmission of positive values. On the other hand, Women are serving in communities in different ways and some of them contribute in decision making organs being in local government, central government, parliament, civil society and private sector as implementers of national policies in governance, social and economic development.

After all presentations and workgroup discussions, participants gained skills in transformational leadership by understanding their triple roles and commitment to their political career development by playing a significant role in the promotion of their fellow women within their respective political organizations.
They were also committed to become mentors and role models to their fellow women within the same political organization in order to ensure and sustain women achievements through different political agenda aiming at State welfare; and warned on their roles and responsibilities to promote their fellow women on country's development;

Closing the workshop, the Executive Secretary of the National Consultative Forum of Political Organizations (NFPO) Mr GISAGARA Theoneste argued participants to use available opportunities and high level of political will from the State leadership to be part of their respective party leadership and contribute to its sustainable development.

He encouraged women wing leaders to play triple roles of women leaders by promoting leadership values to all political party leadership structures.

Finally, he appreciated the UNDP for providing funds to conduct the workshop through a joint partnership with the NFPO on *Women political participation, empowerment and Political dialogue*, a component of Deepening democracy for accountable Governance project (DDAG II).